REPUBULIKA Y'U RWANDA

Karongi, ku wa 30/01/2018
N° 0285... /07.03/01

INTARA Y'IBURENGERAZUBA
E-mail:westernprovince@westernprovince.gov.rw
B.P 62 KIBUYE

KARONGI DISTRICT
DISTRICT COUNCIL
FOR RECEPTION
Date: 31/01/2018
Signature: ..................................

Bwana Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi
**KARONGI**

**Impamvu**: Imyanzuro y'Inama Njyanama y'Akarere yateranye ku wa 28/12/2017

Bwana Muyobozi,

Nkwandikiye ngushimira raporo ikubiyemo imyanzuro y'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi yateranye mu nama isanzwe yo ku wa 28/12/2017, wanyohereje ku mugereka w'ibaruwa N° 001/CC/03/0301 yo ku wa 08/01/2018, ikaba yarangezeho ku wa 15/01/2018;

Ku mwanzuro wo kugenera amafaranga y'urugendo cyangwa essence abajyanama baturuka hanze ya Karongi bakoresha imodoka zabo, ndabagira inama yo kwemeza umubare w'amafaranga y'urugendo bahabwa, ukareba abajyanama bose bakora urwo rugendo, hatarebwe gusa ku bafite imodoka kandi hitawe ku burebure bwarwo, hatitawe gusa ko Umujyanama aturuka hanze y'Akarere.

Indi myanzuro yafashwe ishyirwe mu bikorwa

Ugire amahoro.

INTARA Y'IBURENGERAZUBA
REPUBULIKA Y'U RWANDA

**MUNYANTWALI Alphonse**
Guverineri w'Intara y'Iburengerazuba

**Bimenyeshejwe:**
-Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
**KIGALI**
-Bwana Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara y'Iburengerazuba
**KARONGI**
-Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Karongi
**KARONGI**

KARONGI DISTRICT
FOR RECEPTION
Date: 16/01/2018
Signature: ...

REPUBULIKA Y'U RWANDA

Karongi, ku wa 08/01/2018

N° 001...CC/03/0301

WESTERN PROVINCE
15 JAN 2018
RECEIVED BY...

**INTARA Y'IBURENGERAZUBA**

**AKARERE KA KARONGI**

**INAMA NJYANAMA**
**E-mail:** karongidistrict@yahoo.fr

**B.P 23 KIBUYE**

Bwana Geverineri w'Intara y'Iburengerazuba

**Impamvu** : Imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi

Bwana Guverineri,

Nejejwe no kubandikira iyi baruwa ngirango mbagezeho ku mugereka wayo,imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi yateranye kuwa 28/12/2017,yabereye mu cyumba cy'inama cy'Akarere

Mugire amahoro.

**MUTANGANA Frederic**
Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi.

INAMA NJYANAMA · AKARERE KA KARONGI
REPUBULIKA Y'U RWANDA

**Bimenyeshejwe:**

-Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
**KIGALI**
-Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Karongi
-Madamu Umuyobozi w'Akarere wungirije ..........(bose )
-Bwana Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere

**IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KARONGI YO KUWA 28/12/2017**

Inama yatangiye saa tatu (09h00'), ibera mu cyumba cy'inama cy'Akarere, yitabirwa n'Abajyanama 24 /27, iyoborwa n'Umuyobozi w'Inama

**Kumurongo w'ibyigwa hari:**

1. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama iheruka no gusuzuma raporo y'ishyirwamubikorwa ry'imyanzuro yayo .
2. Kwemeza ubwegure bw'Umujyanama MUREKATETE Antoinette no kwakira umushya NTAKIRUTIMANA Julienne
3. Kureberahamwe ishyirwamubikorwa ry'imihigo 2017-2018
4. Kwemeza ingengo y'imari ivuguruye 2017-2018 n'ikoreshwa ryayo igihembwe cya kabiri
5. Kureberahamwe ishyirwamubikorwa ry'imyanzuro y'Umugenzuzi Mukuru w'imari n'umutungo bya Leta
6. Kureberahamwe ibikorwa bya Komite Nyobozi mu gihe cy'amezi atandatu ashize
7. Kugaragarizwa ibyavuye mu nama za Komisiyo z'Inama Njyanama no kwemeza imyanzuro y'inama z'Abaperezida na Biro
8. Kwemeza ikiruhuko cy'abagize Komite Nyobozi

Nyuma yo kuganira kuri izi ngingo, Abajyanama 24/27 bafashe imyanzuro ikurikira:

| | INGINGO ZAGANIRIWEHO | UMWANZURO | UWO BIREBA | IGIHE BIZAKORERWA |
|---|---|---|---|---|
| 01 | Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama iheruka no gusuzuma raporo y'ishyirwamubikorwa ry'imyanzuro yayo . | 1. Nyuma yo gusomerwa raporo y'ishyirwamubikorwa ry'imyanzuro yo kuwa 18/10/2017 abagize Inama Njyanama bagasanga hari imyanzuro itarashyizwemubikorwa ,inama yasabye Komite Nyobozi kuzagaragaza icyakozwe kuri iyo myanzuro mu nama itaha . | Inama Njyanama | 28/12/2017 |
| 02 | Kwemeza ubwegure bw'Umujyanama MUREKATETE Antoinette no kwakira umushya | 2.Nyuma yo kugaragaza ibaruwa y'ubwegure bw'Umujyanama MUREKATETE Antoinette no kwakira umushya, Inama Njyanama yarabyemeje | Inama Njyanama | 28/12/2017 |

INAMA NJYANAMA - AKARERE KA KARONGI
REPUBULIKA Y'U RWANDA

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | NTAKIRUTIMANA Julienne | | | |
| 03 | Kureberahamwe ishyirwamubikorwa ry'imihigo 2017-2018 | Nyuma yo kugaragarizwa ibikubiye mu mihigo ,Inama Njyanama yafashe imyanzuro ikurikira :<br><br>3.Abagize Inama Njyanama bamaze kungurana ibitekerezo ku mwanzuro no 22 w'Inama Njyanama yo kuwa 18/10/2017 warebanaga no gutanga ikibanza cya hazubakwa PIASS bemeje ko ihabwa ubutaka bwose buherereye kwa Ruganzu mu Midugudu ya Nyagatovu na Nyagahinga mu Kagari ka Ruragwe, mu Murenge wa Rubengera bungana **na 3.6ha** , naho ibirebana n'uburyo bwo kwishyura buzemezwa na Komite Nyobozi. | Komite Nyobozi | 30/01/2018 |
| | | 4.Inama yasabye ko imihigo itaratangira ( Kubaka PIASS, Gare, Umuyoboro w'amazi wa Gishyita ,poste de Sante ……) hashyirwamo imbaraga kugirango izashyirwe mubikorwa 100% nkuko byari biteganijwe . | Komite Nyobozi | 30/01/2018 |
| | | 5.Inama yasabye ko mu gihe cy'amezi atatu (3), Umurenge wa Rugabano uzaba wahawe umuriro w'amashanyarazi mu rwego rwo kwihutisha serivise zihabwa abaturage | Komite Nyobozi | 30/03/2018 |

INAMA NJYANAMA AKARERE KA KARONGI

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 04 | Kwemeza ingengo y'imari ivuguruye 2017-2018 n'ikoreshwa ryayo igihembwe cya kabiri | 6.Ingingo irebana no kuvugurura ingengo y'imari 2017-2018 n'ikoreshwa ryayo igihembwe cya mbere ntibyizweho kuko hari ibikinozwa kugirango bezemezwe n'Inama Njyanama | Inama Njyanama | 28/12/2017 |
| 05 | Kureberahamwe ishyirwamubikorwa ry'imyanzuro y'Umugenzuzi Mukuru w'imari n'umutungo bya Leta | 7.Inama yasabye kongera imbaraga mu ishyirwamubikorwa ry'inama zatanzwe n'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya leta (Auditor General ) hagamijwe kugirango Akarere kabone clean audit report. | Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere | Buri gihe |
| 06 | Kureberahamwe ibikorwa bya Komite Nyobozi mu gihe cy'amezi atandatu ashize | 8.Nyuma yo kugaragarizwa ibikorwa bya Komite Nyobozi mu gihe cy'amezi atandatu (6) ashize ,abagize Inama Njyanama bashimye ibyakozwe ariko basaba ko mu kugaragaza ibikorwa hakurikizwa inshingano za buri wese nkuko biteganywa n' Itegeko **N° 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013** rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage mu ngingo yaryo ya 132,133 na134 ndetse hagakoresha na caneva imwe. | Inama Njyanama | 28/12/2017 |
| | | 9.Nyuma yo kugaragaza ikibazo cya expropriation yakozwe ahazubakwa Gare y'Akarere ariko bikagaragara ko bitemejwe n'Inama Njyanama ,inama yasabye Komisiyo y'iterambere ry'ubukungu kugisuzuma bikazemezwa n'Inama Njyanama itaha | Inama Njyanama | 31/03/2018 |

INAMA NJYANAMA AKARERE KA KARO[illegible] REPUBULIKA Y'U RWANDA

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| 07 | Kugaragarizwa ibyavuye mu nama za Komisiyo z'Inama Njyanama no kwemeza imyanzuro y'inama z'Abaperezida na Biro | 10.Nyuma yo kugaragaza ko hari Inama Njyanama z'Imirenge (Ruganda ,Mutuntu, Gashali na Murundi) zidaterana nkuko biteganywa n'Itegeko No 87/2013 ryo kuwa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'Inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage mu ngingo yaryo ya 189 ivuga ku iterana ry'Inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Umurenge ko iterana rimwe mu mezi abiri (2) , inama yasabye iyo Mirenge gukosora imikorere yayo. | Inama Njyanama | Buri gihe |
| | | 11.Inama Njyanama yemeje imyanzuro y'inama y'Abaperezida yo kuwa 05/11//2017 na 10/12/2017 n'iya Biro yo kuwa 07/12/2017 nkuko biri ku mugereka | Inama Njyanama | 28/12/2017 |
| | | 12.Inama yagaragaje ikibazo cya Biro y'Umurenge wa Rubengera ufite inyubako itameze neza bityo basaba ko byashyirwa mu iteganyabikorwa ry'Akarere (Action plan ) , ubushobozi bwaboneka bagahabwa inyubako yo gukoreramo igendanye n'igihe | Komite Nyobozi | |
| | | 13.Inama yasabye Ibitaro bya Kibuye kunoza uburyo bwo gukora facture zoherezwa muri RSSB kandi umukozi wagaragaye mu gushaka guhombya ibitaro akabibazwa mu buryo bw'akazi | Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza | Buri gihe |
| | | 14. Nyuma y'aho komisiyo y'imibereho myiza isuye irimbi rusange rya Nyarusazi riherereye mu Murenge wa Bwishyura bikagaragara ko ryuzuye ,inama yasabye Komite Nyobozi gushaka ahandi hashirwa irindi no gushyiraho uburyo bw'imikoreshereze n'imicungire yaryo . | Komite Nyobozi | 31/01/2018 |

INAMA NJYANAMA AKARERE KA KARONGI
REPUBULIKA Y'U RWANDA

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | 15.Nyuma yo kungurana ibitekerezo ku mashuri yahagaritswe na Minisiteri y'Uburezi gucumbikira abanyeshuri ariyo (**ES Bisesero, ES Rugabano, ES URUMURI,ES MUNZANGA,ES NGOMA,ES RUGANDA na ES GASENYI),** Inama yasabye Ubuyobozi bw'Akarere gukora igenzura muri ayo mashuri nyuma hakazakorwa ubuvugizi hashingiwe kuri raporo yavuye muri buri shuri . | Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza | 28/12/2017 |
| | | 16.Inama yemeje gahunda y'icyumweru cy',umujyanama (Councellor''s week) hagamijwe gukemura ibibazo by'abaturage , bikazakorwa guhera 12/-16/02/2018 | Inama Njyanama | 28/12/2017 |
| | | 17.Inama Njyanama yemeje ko abajyanama baturuka hanze ya Karongi kandi bakoresha imodoka zabo baza mu nama bazajya bahabwa amafaranga y'urugendo ibihumbi mirongo itanu (50,000frw), cyangwa essence bitewe n'uburebure bw'urugendo.Umwanzuro No15 w'Inama Njyanama yo kuwa 30/12/2016 ugena amafaranga y'urugendo ku bajyanama baturuka mu Mirenge ya kure ntibihinduka . | Inama Njyanama | 28/12/2017 |
| 08. | Kwemeza ikiruhuko cy'abagize Komite Nyobozi | 18.Inama Njyanama yemeje ikiruhuko cy'abagize Komite Nyobozi ku buryo bukurikira :<br>1. Umuyobozi w'Akarere ka Karongi ,**ikiruhuko cy'ukwezi guhera 05/02/-05/03/2018**<br>2. Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe iterambere ry'Ubukungu, **ikiruhuko cy'ukwezi guhera (06/03-06/04/2018)**<br>3. Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza y'abaturage , **ikiruhuko cy'ibyumweru bibiri** | Inama Njyanama | 28/12/2017 |

INAMA NJYANAMA - AKARERE KA KARONGI
REPUBULIKA Y'U RWANDA

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | 22/01-04/02/2018 | | |

Inama yasoje imirimo yayo saa kumi n'imwe n'igice (17h30'), isozwa n'Umuyobozi wayo ashimira abayitabiriye .

**MUREKATETE Marie Rose**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi

**MUTANGANA Frederic**

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi

## INYANDIKOMVUGO Y'INAMA Y 'ABAPEREZIDA Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KARONGI YO KUWA 05/11/2017

Mu cyumba cy'inama cya unite ya Sante, saa cyenda n'igice (15h30) kuwa 05/11/2017 habereye inama y'Abaperezida igizwe n'aba bakurikira ( Perezida ba komisiyo z'igize Inama Njyanama , Abanyamabanga ba Komisiyo,,abagize biro y'Inama Njyanama . Iyo nama yari iyobowe n'Umuyobozi wungirije w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi **Bwana Basiime Jossy**

**Ku Murongo w'Ibyigwa :**

1. Gusoma inyandikomvugo y'inama y'Abaperezida y'ubushize yo kuwa 05/10/2017
2. Kugaragaza ibyavuye muri Komisiyo

Nyuma yo kuganira ku ngingo zavuzwe haruguru inama yafashe imyanzuro ikurikira :

| INGINGO ZAGANIRIWEHO | UMWANZURO |
|---|---|
| 1.Gusoma inyandikomvugo y'inama y'Abaperezida y'ubushize yo kuwa 05/10/2017 | 1. Nyuma yo gusomerwa imyanzuro y'inama y'abaperezida yo kuwa 05/10/2017 , abitabiriye inama basanze imyanzuro yayifatiwemo yaremejwe n'Inama Njyanama ndetse basaba ko ishyirwamubikorwa |
| 2.Kugaragaza ibyavuye mu ma Komisiyo | 2. Nyuma ya Descente ya Komisiyo y'imibereho myiza mu Murenge wa Gitesi ,hakagaragara ingo zidafite ubwiherero , abantu barwaye amavunja , inama yasabye ko bakegerwa bagakangurirwa kugira isuku ku mubiri ndetse n'abadafite ubwiherero bagaragaye batishoboye bagababafashwa kubaka ubwiherero n'abafite ikibazo cy'amavunja bakavuzwa .<br>3. Nyuma yo gusesengura ikibazo cya ALPHA PLACE wahawe ubutaka n'Akarere bw'Ishuri rikuru ry'ubuvuzi (former KHI,) inama yasabye ko yahabwa ahandi cyangwa agasubizwa amafaranga angana na metero yahawe zitari mu butaka bw'Akarere. |

| | |
|---|---|
| | 4. Inama yongeye gusaba ko hashyirwaho itsinda ryo gukemura ibibazo bigaragara mu bibanza rigizwe n'Akarere , ibiro by'ubutaka ku Ntara n'abagize Komisiyo y'iterambere ry'ubukungu mu nama Njyanama . |

Inama yashoje imirimo yayo saa kumi n'ebyiri (18h00),Umuyobozi w'Inama Njyanama ashimira abayitabiriye n'ibitekerezo batanze .

**MUREKATETE Marie Rose**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi

**BASIIME Jossy**

Umuyobozi Wungirije w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi

**INYANDIKOMVUGO Y'INAMA YA BIRO Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KARONGI YO KUWA 07/12/2017**

Inama yatangiye saa munani (14h00), yabereye mu cyumba cy'inama ya unite ya Sante iyobowe n'Umuyobozi w'Inama Njyanama Bwana **MUTANGANA Frederic**

**Ibiri ku murongo w'ibyigwa :**

1. Gutegura inama y'Inama Njyanama isanzwe y'Akarere
2. Gutegura inama y'Abaperezida
3. Ishyirwamubikorwa ry'imihigo 2017-2018

| No | INGINGO ZAGANIRIWEHO | UMWANZURO |
|---|---|---|
| 01. | Gutegura inama y'Inama Njyanama isanzwe y'Akarere | 1.Abagize inama bamaze kungurana ibitekerezo no kureberahamwe ,ibibazo bihari bikeneye ko Inama Njyanama yabifataho umwanzuro ,abagize Biro bemeje ingingo z'inama isanzwe y'Inama Njyanama, ariko zikazanozwa mu nama y'Abaperezida , n'izi zikurikira : <br>1 Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama iheruka no gusuzuma raporo y'ishyirwamubikorwa ry'imyanzuro yayo . <br>2 Kwemeza ubwegure bw'Umujyanama MUREKATETE Antoinette no kwakira umushya NTAKIRUTIMANA Julienne <br>3 Kureberahamwe ishyirwamubikorwa ry'imihigo 2017-2018 <br>4 Kwemeza ingengo y'imari ivuguruye 2017-2018 n'ikoreshwa ryayo igihembwe cya kabiri <br>5 Kureberahamwe ishyirwamubikorwa ry'imyanzuro y'Umugenzuzi Mukuru w'imari n'umutungo bya Leta |

| | | |
|---|---|---|
| | | 6 Kureberahamwe ibikorwa bya Komite Nyobozi mu gihe cy'amezi atandatu ashize<br>7 Kugaragarizwa ibyavuye mu nama za Komisiyo z'Inama Njyanama no kwemeza imyanzuro y'inama z'Abaperezida na Biro<br>8 Kwemeza ikiruhuko cy'abagize Komite Nyobozi |
| 02 | Gutegura inama y'Abaperezida | Nyuma yo kungurana ibitekerezo abagize inama ya Biro bemeje ko inama y'Abaperezida izaba kuwa 10/12/2017 ikaziga ku ngingo zikurikira :<br>**1.** Kugaragaza ibyavuye muri Komisiyo<br>**2.** Gutegura inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere<br>**3.** Gutegura icyumweru cyahariwe Umujyanama (Councillor'sWeek ) |
| 03 | Ishyirwamubikorwa ry'imihigo 2017-2018 | 2.Nyuma yo gusesengura ibikubiye mu mihigo y'Akarere 2017-2018 , Inama yasanze hari imihigo itararangira ariyo , Kubaka PIASS ,Gare ya Bwishyura ,Umuyoboro w'amazi wo mu Murenge wa Gishyita ,Kubaka poste de Sante, kugeza Internet mu Mirenge yose 13,abitabiriye inama basaba ko Komite Nyobozi yashyiraho ingamba zo kwihutisha iyo mirimo kugirango izashyirwe mubikorwa nkuko byari biteganijwe . |

Inama yasoje imirimo yayo saa cyenda igice (15h30),

**MUREKATETE Marie Rose**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi

**MUTANGANA Frederic**

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi

## INYANDIKOMVUGO Y'INAMA Y 'ABAPEREZIDA Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KARONGI YO KUWA 10/12/2017

Mu cyumba cy'inama cya unite ya Sante, saa munani n'igice (14h30) kuwa 10/12/2017 habereye inama y'Abaperezida igizwe n'aba bakurikira ( Perezida ba komisiyo z'igize Inama Njyanama , Abanyamabanga ba Komisiyo, abagize biro y'Inama Njyanama . Iyo nama yari iyobowe na Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi **Bwana MUTANGANA Frederic**

**Ku Murongo w'ibyigwa :**

1. Kugaragaza ibyavuye muri Komisiyo
2. Gutegura inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere
3. Gutegura icyumweru cyahariwe Umujyanama (Councillor'sWeek)

Nyuma yo kuganira ku ngingo zavuzwe haruguru inama yafashe imyanzuro ikurikira :

| INGINGO ZAGANIRIWEHO | UMWANZURO |
|---|---|
| 1. Kugaragaza ibyavuye muri Komisiyo | 1. Nyuma ya Descente ya Komisiyo y'imiyoborere myiza mu Murenge wa Rubengera ,bagahura n'abagize Inama Njyanama y'Akagari n'Umurenge n'Abakozi kuri izo nzego aho bibukijwe kunoza imikorere n'imikoranire no gutanga serivise zinoze,hagaragara ikibazo cy'imitangire ya serivise itanoze ku mukozi ushinzwe imibereho myiza muri uwo Murenge ,Inama yabye ko yikosora .<br>2. Inama yasabye ko hashyirwaho ingamba zo kunoza ubuhinzi ,ubworozi n'imikorere y'abatubuzi b'imbuto hagamijwe kongera umusaruro.<br>3. Nyuma yo kugaragarizwa abagize komite z'ubutaka ku rwego rw'Imirenge bikagaragara ko abateganywa n'Itegeko ku mwanya w'Umunyabanga wa komite bitubahirijwe , inama yasabye abagize Biro y'Ubutaka (One Stop Center) kongera kubinoza bigakorwa nkuko amategeko abiteganya. |

| | |
|---|---|
| 2.Gutegura inama y'Inama Njyanama y'Akarere | 4. Abagize inama y'Abaperezida bemeje ko inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere izaba kuwa 28/12/2017 ikaziga ku ,ngingo zikurikira .<br>1 Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama iheruka no gusuzuma raporo y'ishyirwamubikorwa ry'imyanzuro yayo .<br>2 Kwemeza ubwegure bw'Umujyanama MUREKATETE Antoinette no kwakira umushya NTAKIRUTIMANA Julienne<br>3 Kureberahamwe ishyirwamubikorwa ry'imihigo 2017-2018<br>4 Kwemeza ingengo y'imari ivuguruye 2017-2018 n'ikoreshwa ryayo igihembwe cya kabiri<br>5 Kureberahamwe ishyirwamubikorwa ry'imyanzuro y'Umugenzuzi Mukuru w'imari n'umutungo bya Leta<br>6 Kureberahamwe ibikorwa bya Komite Nyobozi mu gihe cy'amezi atandatu ashize<br>7 Kugaragarizwa ibyavuye mu nama za Komisiyo z'Inama Njyanama no kwemeza imyanzuro y'inama z'Abaperezida na Biro<br>8 Kwemeza ikiruhuko cy'abagize Komite Nyobozi |
| 3.Gutegura icyumweru cyahariwe Umujyanama (Councilor'sWeek) | 5. Nyuma yo kungurana ibitekerezo kuri gahunda yo gutegura icyumweru cyahariwe umujyanama , abagize inama y'Abaperezida bashyizeho itsinda rizategura iki cyumweru nyuma yo kwemezwa n'Inama Njyanama n'aba bakurikira :<br>✓ Perezida ba Komisiyo z'igize Inama Njyanama bose<br>✓ Abagize Biro y'Inama Njyanama<br>✓ Abakozi b'Inama Njyanama<br>Umuyobozi w'itsinda n'Umujyanama MUKANDEKEZI Françoise ,akaba na Perezida wa komisiyo y'imibereho myiza |

Inama yashoje imirimo yayo saa kumi n'ebyiri n'igice (18h30),Umuyobozi w'Inama Njyanama ashimira abayitabiriye n'ibitekerezo batanze .

**MUREKATETE Marie Rose**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi

**MUTANGANA Frederic**

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi

# INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KARONGI

## URUTONDE RW'ABAGIZE INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KARONGI BITABIRIYE INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA YO KUWA 28/12/2017

| N° | Amazina | Igitsina | Umurenge | Email | Telefone | Isaha ahagereye | Umukono |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | AGASARO Aurore | F | Bwishyura | Agasaro2010@gmail.com | 0788667363 | 9h00 | [signature] |
| 2 | BAGWIRE Esperance | F | Rubengera | esperancebagwire@yahoo.com | 0788422766 | 9h00 | [signature] |
| 3 | BYABAGABO NZOYIBONA Claude | M | Gishyita | byanzo@yahoo.fr | 0788727087 | 9h50 | [signature] |
| 4 | BASIIME Jossy (Vice President) | M | Twumba | Jbasiimec63@gmail.com | 0788409675 | | |
| 5 | GAHIZI Alexis | M | Gitesi | gahizialexi@gmail.com | 0788418906 | 9h | [signature] |
| 6 | HABIMANA Emmanuel | M | Ruganda | Emmanuelhabimana2015@gmail.com | 0782046789 | 9h00 | [signature] |
| 7 | KAMANZI Felix | M | Murundi | Kamanzifelix2015@gmail.com | 0783862264 | 9h00 | [signature] |
| 8 | KARAGIRE Gonzague | M | Murambi | goonzaleess@yahoo.fr | 0788648897 | | |
| 9 | KAYIGEMA Vincent | M | Rwankuba | vincentkayigema@gmail.com | 0788549114 | 8h50 | [signature] |

| | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 10 | MUKAMANA Therese | F | Rubengera | mukather13@gmail.com | 0788879942 | 9h00' | [signature] |
| 11 | MUKAMANA Florence | F | Gishyita | floremus2011@yahoo.fr | 0788852583 | 9h00 | [signature] |
| 12 | MUKANDEKEZI Françoise | F | Gitesi | mfrancoise@yahoo.fr | 0788518877 | 9h00 | [signature] |
| 13 | MUKASHEMA Catherine | F | Mutuntu | mukashemacatherine@gmail.Com | 0786840230 | 9h00 | [signature] |
| 14 | MUKASHEMA Drocelle | F | Murambi | mudro80@yahoo.fr | 0783725640 | 9h00 | [signature] |
| 15 | MUKASINE Dative | F | Rwankuba | mukasinedative@gmail.com | 0783420808 | 9h00 | [signature] |
| 16 | MUREKATETE Marie Rose (Secretaire) | F | Bwishyura | muremarose@yahoo.fr | 0788899835 | 9h00 | [signature] |
| 17 | MUTANGANA Frederic(President) | M | Gashari | fredericmutangana@gmail.com | 07883052950 | 8h36' | [signature] |
| 18 | MWIZA Ernest | M | Bwishyura | mwizae@yahoo.com | 0788530438 | 8h30' | [signature] |
| 19 | NAYITURIKI Esperance | F | Mubuga | enayituriki@yahoo.fr | 0788832048 | | |
| 20 | NDAYISABA François | M | Rwankuba | ndayisabafrancis@gmail.com | 0788892749 | 8h30' | [signature] |

| | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 21 | NDIHOKUBWIMANA Frodouard | M | Gitesi | ndihokubwimana@yahoo.fr | 0788614057 | 9h00 | |
| 22 | NGOBOKA Vincent | M | Rwankuba | Vincentngoboka07@yahoo.com | 0783428364 | 9h06 | |
| 23 | NYAMURINDA Protais | M | Rubengera | nyprotais@yahoo.fr | 0783420657 | 8h00 | |
| 24 | NZAMUTUMA Azarias | M | Mutuntu | Azarnzam01@yahoo.fr | 0788679705 | 8h55 | |
| 25 | TWAGIRAYEZU Emmanuel | M | Mubuga | twagirayezu10@yahoo.fr | 0788842557 | 9h00 | |
| 26 | TWAMBAJEMARIYA Jeanne d'Arc | F | Rubengera | twambajejeanne@yahoo.fr | 0788487181 | 9h00 | |
| 27 | NTAKIRUTIMANA Julienne | F | Rugorazo | Julianumu@gmail | 0788497783 | 9h. | |

**INAMA NJYANAMA Y'AKARERE**

**URUTONDE RW'ABAJYANAMA BITABIRIYE INAMA Y'ABAPEREZIDA YO KUWA 05/11/2017**

| No | AMAZINA | UMURENGE | Tel | UMUKONO |
|---|---|---|---|---|
| 1. | BASHIMIRE Jossy | Twumba | 0788409875 | [signature] |
| 2. | HABIMANA Emmanuel | RUGANDA | 0782046789 | [signature] |
| 3 | MUKASINE Sabine | RWANKUBA | 0783420808 | [signature] |
| 4 | AGASARO Aurore | BWISHYURA | 0788667363 | [signature] |
| 5. | Murekatete Marie Rose | Bwishyura | 0788899835 | [signature] |
| 6. | Kayigire Gonzague | Murambi | 0788648897 | [signature] |
| 7 | Twagirayezu Emmanuel | MUBUGA | 0788842557 | [signature] |
| 8. | MUKANDAHIRO Irène | Rubengera | 0788622525 | [signature] |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |
| | | | | |

**INTARA Y'IBURENGERAZUBA**

**AKARERE KA KARONGI**

**URUTONDE RW'ABITABIRIYE INAMA Y'ABAPEREZIDA MU NAMA NJYANAMA Y'AKARERE KUWA 10/12/2017**

| No | Amazina | Umurenge | Icyo akora | Tel | Umukono |
|---|---|---|---|---|---|
| 1. | MUKASINE Dative | RWANKUBA | Councilor | 0783420808 | [signature] |
| 2. | AGASARO Aurore | BWISHYURA | Secr. Commission Economique | 0788667363 | [signature] |
| 3. | Mukandekezi françoise | ~~Bwishyura~~ GITESI | Président commission | 0788518877 | [signature] |
| 4. | Karagire Gonzague | Murambi | Cllr | 0788648897 | [signature] |
| 5. | Twagirayezu Emmanuel | Mubuga | President Comm. Bonne gouv. | 0788842557 | [signature] |
| 6. | MUTANGANA Fredric | Gashali | Président wa Njyanama | 0788801291 | [signature] |
| 7. | HABIMANA Emmanuel | RUGANDA | Secr. Social commission | 0782046789 | [signature] |
| 8. | NSANGANIRA Vianney | KARONGI | DCAS | 0788895163 | [signature] |
| 9. | MUREKATETE Marie-Rose | KARONGI | Secr. Njyanama | 0788899831 | [signature] |
| 10. | | | | | |